

GBUR

Groupe Biblique
Universitaire du Rwanda



RAPORO Y' IBKORWA BY' IVUGABUTMWA
(Outreach in Rural Area)
NYARUGURU 2010

**For every student and graduate to be an agent of
godly transformation in church and society**

www.gburwanda.org

RAPORO Y'IBIKORWA BY'IVUGABUTUMWA I NYARUGURU 2010

0. IRIBURIRO

Ibikorwa by'ivugabutumwa bikoze n'abanyeshuri ni kimwe mu bikorwa umuryango wa UGBR ukora (ubu hari ku nshuro ya kabiri) hagamijwe (1) gutoza abanyeshuri biga n'abarangiza muri za Kaminuza ubuzima nyakuri bw'Abanyarwanda n'inshingano bafite zo guhindura umuryango nyarwanda n'itorero; (2) ndetse no kubatoza gukorera abaturage babasanze aho bari. Ibikorwa b'uyu mwaka bikaba byaritabiriwe n'abanyeshuri bagera kuri 22.

Ikiba kigamijwe cyane cyane ni uko abanyeshuri bagira mu gufasha abaturage ndetse no Gutanga ubufasha mu gukoresha ubumenyi bwabo bazamura imibereho y'abaturage. Bimwe mu byari bigamijwe mu bikorwa byari bigamijwe muri uyu mwaka harimo:

- Inyigisho ku gukura muri Kristo (hakoreshajwe amatsinda mato): kugirango Abanyetorero basobanukirwe agakiza dufite muri Kristo Yesu.
- Ivugabutumwa: Igiterane kinini Gihuza amatorero yose no kujya mu ngo amatsinda agahamya Kristo.
- Ibikorwa by'Isanamitima: Guhuza abahuguwe umwaka ushize
- Amahugurwa ku ngingo zitandukanye: (1) Isuku no kwirinda indwara zijyanye nayo, (2) Uburyo bwo guhinga neza, (3) Kuboneza urubyaro no (4) Kurwanya SIDA.

Abanyeshuri bose nk'uko bari 22 boherejwe mu matorero atanu. Dore uko ayo matsinda yari ateye:

EAR NDAGO: 1. Ines UMUGANWA 2. Carine KAMANZI 3. Innocent MANIRAFASHA 4. Felicien TUMUHAWENIMANA 5. Chantal NUMUKOBWA	EAR RUBONA 1. Flora NIYONKURU 2. Sabin MUTIJIMA 3. Alexandre HAKIZIMANA 4. Steeven NKURUNZIZA	ADEPR MUBUGA: 1.Theoneste NZOGIROSHYA 2.Leonce NZARORA 3.Nadia HITIMANA 4.Anathalie MUJAWAMARIYA 5. Bora FRANCOIS
UEBR MIRABYO 1. Remy KANANGIRE 2. Eugene SAFARI 3. Cynthia BARAKAGWIRA	EMLR NDAGO 1. Junior SAASITA 2. Thacien TURAMYIMANA	

4. Betty MUKABUZIZI		
---------------------	--	--

I. IBYAKOZWE

Ibikorwa byakozwe byashyirwa mu ngingo enye z'ingenzi:

1. INYIGISHO KU GUKURA MURI KRISTO

a. Amatsinda mato

Kristo yabwiye abigishwa be no bagende bahindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa... babigisha kwitondera ibyo yababwiye... (Mat 28:16-20). Ibikorwa by'ivugabutumwa by'Abanyeshuri muri uyu mwaka wa 2010 byashingiye ku **matsinda mato**. Ibi byari bigamije kubaka imyizerere y'Abakristo bagize amatorero ya EAR NDAGO, EAR RUBONA, EMLR NDAGO, ADEPR MUBUGA na UEBR MIRABYO. Aha mbibutseko abanyeshuri bacumbikirwaga n'imigugudu, amakanisa cg amashuri (uretse muri UEBR).

Dore uko amatsinda yari ateye ukurikije amatorero:

1. EAR NDAGO: hakurikijwe amatorero shingiro asanzwe akoreshwa mu muri buri kanisa y'Itorero Anglicani mu Rwanda. Ayo matorero shingiro aba akorerwamo ibikorwa byo kwiga Ijambo ry'Imana, gusengerana no kwiteza imbere. Ayo matsinda yari ateye atya:
 - Itsinda No.1: Itsinda rya NDAGO. Iri tsinda ryari rigizwe n'abantu bo mu ikanisa ya Ndago 5 riyobowe na Chantal NUMUKOBWA (KHI) na Innocent MANIRAFASHA (UGBR). Iri tsinda ryashoje abantu babiri mu bari barigize bafashe umwanzuro wo Kwizera Yesu (kwakira Yesu mu buzima bwabo) nyuma yo gusobanukirwa icyo Bibiliya ivuga ku gakiza.
 - Itsinda No 2: Itsinda rya KANYARU. Iri tsinda ryari rigizwe n'abantu 5 bo mu Itorero shingiro ryo ku Kanyaru. Ni naho ryateraniraga. Ryari riyobowe na Felicien TUMUHAWENIMANA (ISAE BUSOGO).
 - Itsinda No 3: ku ikanisa ya KAMANA. Iri tsinda ryari rigizwe n'abakristo 5 bo mu ikanisa ya Kamana harimo n'umuyobozi w'iyi kanisa. Ryateraniraga ku Kamana kandi ryari riyobowe na Ines UMUGANWA (KIST) na Carine KAMANZI (KIST). Iri tsinda rifatanyije n'iryo ku Kanyaru ryashoje gahunda zaryo rifungura irorero rishya ku Kamana (ku birometero nka 15 uturutse aho bakoreraga).
2. EAR RUBONA: naho hakurikijwe gahunda nk'iya EAR Ndago. Amatsinda yahoo yari ateye atya:
 - Itsinda No 1: Itsinda rya RUBONA. Ryari rigizwe n'abantu 5 riyobowe na Sabin MUTIJIMA (NUR). Ryateraniraga ku ikanisa ya Rubona.

- Itsinda No 2: Itsinda ryo mu NKOMERO. Ryari rigizwe n’abantu 5. Ryateraniraga mu Nkomero (ku bitometero nka 20 uvuye Rubona) riyobowe na Alexandre HAKIZIMANA (NUR).
 - Itsinda No 3: Itsinda rya NYANGE. Iri tsinda ryari rigizwe n’udutsinda duto 2. Agatsinda ka 1 kari kayobowe na Steeven NKURUNZIZA (NUR) naho aka 2 kayobowe na Flora NIYONKURU (NUR)
3. ADEPR MUBUGA. Muri iri torero hakurikijwe gahunda zisanzwe zo kwakira abashyitsi mu midugudu. Dore uko ibikorwa by’amatsinda byakozwe:
- Itsinda No 1: Itsinda rya MUBUGA. Kuri uyu mudugudu hakoze itsinda rigizwe n’abantu 5 bagateranira ku rusengeru rwa ADEPR MUBUGA, riyobowe na Theoneste NZOGIROSHYA (UGBR) na Leonce NZARORA (NUR).
 - Itsinda No 2: Itsinda rya COKO. Ryari ku mudugudu wa Coko (kuri km 3 uvuye I Ndago), rigizwe n’abantu 5 rigateranira ku rusengeru rw’uwo mudugudu, riyobowe na Nadia HITIMANA (KHI).
 - Itsinda No 3 : Itsinda rya MUNINI. Ryari gize n’abantu 5 bo ku mudugudu wa MUNINI riyobowe na Francois BORA (NUR). Iri tsinda ryari rigizwe n’abantu bazashobora kwigisha neza abandi kuko Bora yari yasabwe kuzabonana n’amatsinda yandi 12 ngo abakundishe izi nyigisho noneho nidutaha babandi 5 bazabone aho bahera bigisha.
 - Itsinda No 4: Itsinda rya NDAGO. Ryari rigizwe n’abantu 5 bo ku mudugudu wa Ndago ari naho ryateraniraga riyobowe na Anathalie UWAMALIYA (NUR).
4. EMLR NDAGO. Muri iri torero twasanze imyiteguro idahagije, dufata umwanzuro wo kubaha abanyeshuri 2 gusa. Kubera nta matsinda yari yarateguwe, abanyeshuri bagiye bigisha izi nyigisho mu byiciro butandukanye no mu buryo butandukanye (abana, mu masengesho, ku cyumweru, etc)
5. UEBR MIRABYO: Iri torero (riherereye mu murenge wa Cyahinda) ryakoresheje uburyo butandukanye ho gato. Abayobozi n’abandi bantu bashobora kuzigisha abandi baratoranijwe noneho bakava mu mashuri yabo bagahurira n’abanyeshuri buri muni kuri Paruwasi (I Mirabyo) ari naho bo bari bacumbikiwe. Dore uko ayo matsinda yari ateye:
- Itsinda No1 : Ryari rigizwe n’abantu 7. Ryari riyobowe na Eugene Safari (NUR) na Betty (NUR).
 - Itsinda No2 : Ryari rigizwe n’abantu 10 riyobowe na Cynthia BARAKAGWIRA (KIST) na Sam MUGAMBI (NUR).
 - Itsinda No 3 : Ryari rigizwe n’abantu 7 riyobowe na Remy KANANGIRE (UGBR).

b. Inyigisho mu materaniro manini.

Ubundi buryo bwakoreshejwe kugirango dushobore gukuzza Abanyetorero mu bikorwa by’uyu mwaka ni inyigisho Rusange, mu gihe cy’amateraniro manini. Aha, abanyeshuri bose bigishije muri buri torero

ryabakiriye ku cyumweru cya 21/11/2010 no ku cya 28/11/2010. Ikindi ni uko hari n’ahandi twasanze bagira andi materaniro manini hagati mu cyumweru (ay’ababarimbyi. Abanyamasengesho, urubwiruko,...) nabwo buba uburyo bwiza bwo kubigisha. Intego nkuru yabaga ari “Akamaro k’Ijambo ry’Imana mu gukura muri Kristo”.

2. IVUGABUTUMWA

Ibikorwa nyirizina by’ivugabutumwa byakozwe mu buryo bubiri:

a. Ivugabutumwa mu matsinda mato

Nyuma yo kwiga inyigisho abakristo bari bagenewe mu matsinda mato, bakoze igikorwa cyo kujya mungo Kuvuga ubutumwa. Muri Rusange umasaruro wakivuyemo ungana n’abantu Ikindi (ari na cyo cyari kigamijwe cyane hano) ni uko abakristo bari bamaze iminsi bigishwa batinyutse gusangira Ubuhamya bwabo n’abandi barebeye ku rugero Umunyeshuri abahaye ku rugo rwambere rwabaga rusuwe.

b. Ivugabutumwa mu giterane cyinini.

Intego y’ingenzi y’iki giterane yari ugutangaza inkuru nziza y’agakiza ku bantu benshi. Iki giterane cyabereye ku kibuga cy’umupira cya Ndago. Abantu bakijemo bageraga ku 1000. Hakijijwe abagera kuri

3. IBIGANIRO KU NGIGO ZITANDUKANYE Z’IMIBEREHO Y’ABAKRISTO

- a. Ikiganiro ku Kuboneza urubyaro
- b. Ikiganiro ku Isuku n’isukura no Kwirinda indwara z’umwanda
- c. Ikiganiro ku guhinga neza

4. AMATSINDA Y’ISANAMITIMA n’UBWIYUNGE

Habaye kubonana no guhugura abantu bari barahuguwe bwa mbere muri 2009. Itsinda rya Kibeho ryahuje abo mu matorero ya ADEPR Mubuga na EAR Rubona naho I NDAGO hahurijwe abari barahahuguriwe (EAR Ndago na EMLR na UEBR Mirabyo). Nyuma yabyo hakoze amatsinda ku buryo bukurikira:

- Kibeho: Hitabiriye abagera kuri 18. Benshi batanze Ubuhamya ku bikomere bari bafite. Nyuma biyemeje gutangiza itsinda rihoraho ryo kwiga neza inyigisho z’Isanamitima bazanakomeza gufasha abandi.
- Ndago: hitabiriye abagera kuri 28. Batanze Ubuhamya bwo gukura ibikomere banagragazako bakeneye inyigisho ku isanamitima kugirango bazakomeze gufasha abandi.

Ibindi biganiro:

- Ikinaniro ku buzima bw’imyorokere ku rubwiruko
- Ikiganiro ku kwihangira imirimo no kwiteza imbere

IBINDI BYAKOZWE

- Gusura umukecuru twubakiye umwaka ushize
- Gusura Kibeho
- Gusura abaturanyi b'abakristo bakiriye abanyeshuri
- Ikiganiro n;abayobozi bose b'amatorero

II. UMUSARURO

1. Amatsinda y'abantu basobanukiwe iby'ibanze mu gakiza
2. Abantu bakijijwe
3. Imyumvire mishya ku bintu butandukanye
4. Ubumwe bw'abakrist bugenda bwubakika